



No 110 Nzeri 2015

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



INAMA RUSANGE YAHawe IKIGANIRO KURI PAN AFRICANISM

Kuwa kane, tariki ya 17 Nzeri 2015, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yaratenye, iyobowe na Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse, Umuvugizi w'Ihuriro .



Abagize Inama Rusange

Mu kiganiro cyatanze kuri 'Pan Africanism Mouvement', Hon. MUSONI Protais, Umuyobozi wa 'Pan Africanism Mouvement – Rwanda', yerekanye amavu n'amavuko y'umurongo w'ibitekerezo by'Umuryango Pan Africanism, imbogamizi wahuye nazo kuva washingwa n'ingamba zafashwe kugira ngo ushingeho imizi mu gihye kirambye.

Yakomeje yerekana ko ku rwego rw'u Rwanda nk'Igihugu, hari amahirwe menshi kuko imikorere y'uuyu muryango ishingiyeye cyane cyane ku nzego zisanzwe ziriho ndetse n'imitekerereze n'imyumvire by'Umunyarwanda bikaba biganisha ku bwigenge nyakuri bw' Afurika.



Hon. MUSONI Protais

Mu kungurana ibitekerezo, Inama Rusange yashimye ingamba n'ibikorwa uyu muryango utangiranye cyane cyane ku gukangurira urubyiruko kwagura ibitekerezo biganisha ku bwigenge nyakuri n'iterambere ry' Afurika n'umunyarwanda.

Inama Rusange yasabye imitwe ya politiki by'umwihariko n'abanyapolitiki b'u Rwanda muri rusange kwiyumvamo Afurika yacu bashyigikira ibikorwa bya "Pan Africanism Mouvement" no kurushaho kuyisobanurira abayoboke bayo mu nzego zayo zose.

Inama Rusange kandi yemeje raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2014/2015, yatanze n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald na raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2014/2015, yatanze na Perezida wa Komisiyo Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatange n'Izindi Nzego; Hon. MUKANKUSI Perrine.

Abagize iyi nama bashyizeho abagize Biro y'Ihuriro, aho ku mwanya w'Umuvugizi, Inama Rusange yatoye Hon. NYIRAHIRWA VENERANDA, uturuka mu Ishyamba PSD wasimbuye Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse uturuka mu Ishyamba PSR, warurangije manda y'amazi atandatu, naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, itora Bwana NIZEYIMANA Pie, uturuka mu Ishyamba UDPR wasimbuye Madamu UWIMANA Thacienne uturuka mu Ishyamba PSP, kuwa mbere tariki ya 21 Nzeri 2015 hakorwa iherekanyabubasha

ABASHINZWE GUKUMIRA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MITWE YA POLITIKI BARAHUGUWE

Muri gahunda ihoraho y'Ihuriro yo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki, kuwa kuwa gatanu tariki ya 04 kugera ku cyumweru tariki ya 07 Nzeri 2015, mu Karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru habereye amahugurwa ku gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki mu Mitwe ya politiki.

Atangiza aya mahugurwa, Hon. Tito RUTAREMARA, Perezida wa Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura Amakimbirane mu Ihuriro, yabwiye abayitabiriye ko aya mahugurwa agamije kongera



Hon. Tito, Prezida wa Komisiyo

gusubira mu mategeko agenga imyitwarire y'abayoboke b'Imitwe ya politiki, gusubira mu Mitwe ya politiki yabo bagahugura abayoboke bayo ku buryo bwo gukumira amakimbirane no kureba uko buri Mutwe wa politiki washyiraho amategeko ngengamye.

Mu kiganiro cya mbere cyatanze na Hon. NYIRAHIRWA Veneranda ku "ubuhanga bwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki mu Mitwe ya politiki" yababwiye ko amakimbirane ari ukugongana kw'abantu kubera ukutumvikana ku gusangira inyungu bahuriyeho, kumyemerere, ku bikorwa runaka cyangwa imikorere hagati yabo

Hon Veneranda yabwiye aba banyapolitiki ko amakimbirane agira ingaruka nyinshi haba mu mibanire y'abantu, mu miyoborere no mu iterambere muri rusange ry'Igihugu. Abasaba ko bagomba kugira ubuhanga bwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki bushingira cyane ku bushishozi no kumenya imizi y'ikibazo mu mpande zacyo zose, Gutega amatwi impande zombi zagiranye amakimbirane, kuba abanyakuri mu gufata ibyemezo, kugirirwa icyizere n'impande zifitanye ibibazo no kujya inama zubaka kuruta gushaka gusenya.

Aya mahugurwa yitabiriwe n'abantu batatu (3) muri buri mutwe wa politiki, bayobora Komisiyo zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane hamwe n'abagize Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura amakimbirane mu Ihuriro, ari naryo ryateguye. Mu kuyasozza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yasabye abayitabiriye ko bagomba gusubira mu Mitwe ya politiki yabo bashyira mu bikorwa ibyo bayungukiyemo.



Hon. NYIRAHIRWA Veneranda

Mu rugendo shuri rw'iminsi ine (4) rwakozwe na bamwe mu bagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki mu Gihugu cya Uganda mu rwego rwo gusangira ubumenyi ku ntambwe u Rwanda rumaze gutera mu gushyiraho amategeko agenga Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, aho rugeze mu kwimakaza demokarasi ishingiyeye ku mashyamba menshi; ku wa 06 Ukwakira 2015 bakiriwe mu Mujyi wa Kigali ku Kacyiru ku cyicaro cy'Ihuriro aho rikorera.

Mu gutangira, Umuvugizi w'Ihuriro Madamu NYIRAHIRWA Veneranda wakiriye iyi delegasiyo, yababwiye ko muri iyi minsi ine bazamara mu Gihugu cy'u Rwanda, bazahava bamenye byinshi ku mikorere y'Ihuriro n'izindi nzego zifite aho zihuriye no kwandika Imitwe ya politiki ndetse no gukorana bya hafi nayo.

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro kwasobanuriye iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, bubabwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho Ihuriro rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, bunababwira uburyo abasenateri batangwa n'Ihuriro batorwa, Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki no gukurikira imyitwarire y'abanyapolitiki cyane cyane mu bihe byo kwiyamamaza kw'Imitwe ya politiki n'ibindi.

Mu kwibaza aho Ihuriro rikura ingengo y'imari; Hon Tito Rutaremara, Perezida wa Komisiyo Mbenezabupfura no Gukemura Amakimbirane yababwiye ko ingengo y'imari ikoreshwa n'Ihuriro iva ku ngengo y'imari ya Leta ndetse n'abafatanyabikorwa baryo. Yakomeje abasobanurira ko Imitwe ya politiki ifite uburenganzira bungana mu Ihuriro, ikaba ihabwa amafanga angana, mu rwego rwo gutera inkunga amahugurwa yo kongera ubushobozi abayoboze bayo. Bababwiye kandi ko Ihuriro ritora abasenateri bane bajya muri Sena



Ifoto y'urwibutso

Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kurijyamo ari ubushake, Umutwe wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo. Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komite ishinze gukurikira imyitwarire y'abanyapolitiki no kubungira igihe habaye impaka hifashishijwe Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ndetse n'Indangamyitwarire (Code d'Ethique) y'Imitwe ya Politiki n'abayoboze bayo biciye muri Komisiyo ibishinze.

Umuyobozi w'iri tsinda akaba n'Intumwa nkuru ya Leta Fredrick RUHINDI yabwiye abari muri ibi biganiriro ko n'ubwo Ihuriro ry'Imitwe ya politiki ry'iwabo rimaze igihe kitari gito cyane, ariko ko ritarashya imizi kandi ko yibonye ko hari itandukaniro hagati y'Ihuriro ry'Igihugu cye n'Ihuriro ryo mu Rwanda, haba mu mikorere yaryo haba no mu buryo Imitwe ya politiki yo mu Rwanda yungurana ibitekerezo biganisha ku bwumvikane busesuye. Yavuze ko aya mahuriro yombi agomba kwiga kandi ko yizera ko inzego zacu za demokarasi na politiki zigomba kurushaho gukorana neza, atari mu bihugu byombi gusa, ahubwo no mu Muryango w'Afurika y'iburasirazuba

UBWUBAHANE NIBWO BURANGA ABANYAPOLITIKI B'IKI GIHE

Ibi n'ibyatangajwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki Bwana BURASANZWE Oswald, ubwo yatangizaga icyiciro cya cumi na kabiri (12) cy'amahugurwa agenewe uruburuzi ruturuka mu Mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yose uko ari cumi n'umwe (11) mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth political Leadership Academy/YPLA) ku wa 29.09.2015 ku cyiciro gikurikiranira aya masomo mu Mujyi wa Kigali no kuwa 04.10.2015 ku bari kuyakurikiranira mu Ntara y'iburengerazuba, Akarere ka Rubavu, aho yababwiye ko aya masomo agamije kubongerera ubushobozi mu bumenyi rusange, politiki n' imiyoborere myiza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa yabwiye uru rubyiruko ko aya masomo afite intego nyamukuru yo kubaha ubumenyi n'ubuhanga bwo kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo hagamijwe ahanini kwiyubakira. Basabwa kugira uruhare muri gahunda zose z'Umutwe wa politiki haba mu mahugurwa ategurwa n'Umutwe wa politiki wabo, haba kandi no kugira uruhare mu miyoborere yayo. Icyi cyiciro cya cumi na kabiri (12) kije gikurikirira icyarangije aya masomo mu kwezi kwa gatatu uyu mwaka wa 2015, kikaba cyarayakurikiraniraga mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Amajyaruguru/Akarere ka Musanze. Iki cyiciro cyakurikiraniraga muri iyi gahunda y'amahugurwa akurikiwe n'urubyiruko rugera kuri 900.